**REPUBLIKA Y'U RWANDA**

**Gatsibo, Kuwa 08/05/2014**
**Ref Nº NJY019/07.05.03/09**

Classement

PROVINCE DE L'EST
Pour réception
Date 0 9 MAI 2014
Signature

**INTARA Y'IBURASIRAZUBA**
**INAMA NJYANAMA Y'AKARERE**
**AKARERE KA GATSIBO**

GATSIBO DISTRICT
Reception
Date: 09 MAI 2014
Signature:

**MADAMU GUVERINERI W'INTARA y'IBURASIRAZUBA**
**RWAMAGANA;**

**Impamvu: Kubagezaho Imyanzuro y'Inama isanzwe y'Inama Njyanama yateranye kuwa 02/05/2014**

**Madamu Guverineri,**

Nejejwe no kubandikira ngirango mbagezeho, k'umugereka w'uru rwandiko, imyanzuro y'Inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akerere ka Gatsibo, yateraniye ku cyicaro cy'Akarere kuwa gatanu tariki ya 02/05/2014.

Mugire Amahoro.

**Innocent Munyaneza**
**Umuyobozi w'Inama Njyanama**

**Bimenyeshejwe:**

- Nyakubahwa Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
  Kigali;
- Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Gatsibo
  Gatsibo.

**IMYANZURO Y'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA GATSIBO YATERANYE KUWA GATANU TARIKI YA 02/05/2014**

Inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gatsibo yateraniye ku cyicaro cy'Akarere kuwa gatanu tariki ya 02 Gicurasi 2014 iyobowe n'Umuyobozi wayo Bwana Innocent MUNYANEZA;

Inama yatangiye imirimo yayo saa yine n'iminota cumi n'itanu(10H15) hari Abajyanama 20 kuri 25 bayigize, ariko inama imaze gutangira haje abandi 4;

Mbere yo gutangiza inama, Umuyobozi w'Inama Njyanama mu izina ry'Abajyanama bose, yabanje kugeza ubutumwa ku mujyanama Bizimana Léonidas, amwihanganisha kubera ibyago umuryango we wagize byo gupfusha umwana, amumenyesha ko Abajyanama bose bifatanyije n'Umuryango we muri ako kababaro;

Inama Njyanama yemeje ingingo ziri ku murongo w'ibyigwa zikurikira:

1. **Kwakira ibibazo abajyanama batumwe n'abaturage;**
2. **Kwemeza inyandikomvugo y'inama isanzwe yateranye kuwa 31/01/2014, n'inama zidasanzwe zateranye kuwa 14 na 27 Gashyantare 2014;**
3. **Gusuzuma ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'Inama Njyanama (25/10/2013, 31/01/2014, 14/02/2014, 27/02/2014);**
4. **Gusuzuma raporo z'amakomisiyo ahoraho y'Inama Njyanama;**
5. **Gusuzuma raporo za Komisiyo Adhoc:**
    - **Komisiyo yashyiriweho ikibazo cy'amazi;**
    - **Komisiyo yashyiriweho gusuzuma ubujurire bw'abakozi;**
6. **Gusuzuma raporo ya Audit Committee;**
7. **Gusuzuma ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo 2013/2014;**
8. **AOB (Divers).**

## 1. KWAKIRA IBIBAZO ABAJYANAMA BATUMWE N'ABATURAGE

Inama Njyanama yakiriye ibibazo bamwe mu Bajyanama batumwe n'abaturage, bihita bihabwa ibisobanuro n'Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe iterambere ry'ubukungu, Umujyanama Habarurema Isaïe, mu izina rya Komite Nyobozi;

Inama Njyanama yanyuzwe n'ibisubizo yahawe, isaba Komite Nyobozi kuzajya izirikana amasezerano iba yahaye abaturage, kandi ikayubahiriza ku gihe.

## 2. KWEMEZA INYANDIKOMVUGO Z'INAMA

Inama Njyanama yemeje inyandikomvugo y'inama isanzwe yateranye kuwa 31/01/2014, n'inyandikomvugo z'inama zidasanzwe zateranye kuwa 14/02/2014 no kuwa 27/02/2014;

## 3. GUSUZUMA ISHYIRWA MU BIKORWA RY'IMYANZURO Y'INAMA NJYANAMA (25/10/2013, 31/01/2014, 14/02/2014, 27/02/2014)

Inama Njyanama yemeje ko Komite Nyozobi igomba gutanga raporo irambuye yerekana uko imyanzuro yafashwe mu nama z'Inama Njyanama zateranye kuwa 25/10/2013, kuwa 31/01/2014, kuwa 14/02/2014 no kuwa 27/02/2014 yashyizwe mu bikorwa, yemeza ko iyo raporo igomba kugezwa mu biro by'Inama Njyanama bitarenze tariki ya 31 Gicurasi 2014.

## 4. GUSUZUMA RAPORO Z'AMAKOMISIYO AHORAHO Y'INAMA NJYANAMA

Inama Njyanama yagejejweho raporo z'amakomisiyo ahoraho y'Inama Njyanama:

### RAPORO YA KOMISIYO Y'IMIYOBORERE MYIZA

Inama Njyanama imaze kugezwaho raporo ya Komisiyo y'Imiyoborere myiza no kuyunguranaho ibitekerezo yafashe imyanzuro ikurikira:

**4.1** Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi, n'Umunyambanga Nshingwabikorwa w'Akarere by'umwihariko, nk'umuntu ufite imicungire y'abakozi mu nshingano ze, kugenzura igihe abakozi muri rusange bagerera ku kazi n'igihe bakaviraho, ariko by'umwihariko bagakurikirana abakozi bo ku rwego rw'Imirenge n'Utugari, kugirango umuco mubi uvugwa mu mitangire ya serivisi itanoze kuri izo nzego bitewe n'uko abakozi babishinzwe bataboneka ku kazi icike;

**4.2** Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi gukurikirana ibibazo bya ruswa ivugwa mu mitangire ya serivisi mu nzego zegereye abaturage zo mu Tugari n'imidugudu, by'umwihariko ruswa ivugwa muri gahunda ya Girinka kugirango umuco uvugwa wo kwitura abayobozi b'Utugari n'imidugudu, ndetse n'abakuriye komite z'ubudehe mu Midugudu urandurwe kandi ucike;

**4.3** Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi, guhagarika umwanzuro wafashwe n'Inama Njyanama y'Umurenge wa Ngarama uha Banki y'Abaturage y'u Rwanda ikibanza cy'Akarere, hagakurikizwa inzira zisanzwe zikoreshwa kugirango umutungo w'Akarere wegurirwe undi muntu, kandi igakurikirana impamvu Banki y'Abaturage y'u Rwanda yiyandikishijeho umutungo w'Akarere muri uwo Murenge;

**4.4** Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi gukurikirana Abayobozi b'Utugari two mu Murenge wa Kageyo bavugwaho kwakira imisanzu y'Uburezi n'iy'Ubwisungane mu kwivuza, nyamara ntibayigeze aho igomba kugezwa, kugirango imisanzu yanyerejwe igaruzwe kandi ababigizemo uruhare babihanirwe nk'uko amategeko abiteganya;

**4.5** Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi gukomeza gukurikirana uko imyanzuro yafashwe n'Inama Njyanama irebana n'imikorere y'Inama Njyanama z'Imirenge n'iz'Utugari, n'imikorere y'Utubari, ishyirwa mu bikorwa;

**4.6** Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi guhagarika icyemezo cyafashwe n'Imirenge cyo guha abakiriye imisanzu y'uburezi icumi ku ijana (10%) by'amafaranga bakiriye, igafatanya n'Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge gushyiraho ingamba zihamye zo gukumira bene iyo migirire, kugirango imisanzu yose itanzwe n'abaturage ikore icyo yateganyirijwe;

**4.7** Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi kugenzura mudasobwa zatanzwe mu Tugari kugirango hagaragare abazibuze n'abakizifite, by'umwihariko, gukurikirana mudasobwa zatanzwe mu Tugari tw'Akabuga mu Murenge wa Kiramuruzi na Cyabusheshe mu Murenge wa Gitoki,

kugirango abagize uruhare mw'iyibwa ryazo bazishyuzwe kandi bahanwe nk'uko biteganywa n'amategeko;

**4.8** Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi gukurikirana neza raporo zitangwa ku bikorwa by'umuganda, kugirango agaciro bihabwa kajye gahuzwa n'ibikorwa biba byakozwe kandi ubwitabire bugaragaze ishusho nyayo y'uko abaturage bitabira Umuganda;

**4.9** Inama Njyanama yemeje ko Komisiyo y'Imiyoborere myiza izasura Imirenge ya Kabarore, Gitoki, Kageyo, Remera, Kiziguro na Rwimbogo, kugirango isuzume kandi igire inama Inama Njyanama, ku bibazo bitandukanye byagaragajwe muri raporo z'Inama Njyanama z'iyo Mirenge; Inama Njyanama yasabye Umuyobozi wa Komisiyo y'Imiyoborere myiza gukora gahunda y'uko iyo Mirenge izasurwa kugirango yemezwe na Biro y'Inama Njyanama;

## RAPORO YA KOMISIYO Y'ITERAMBERE RY'IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE

Inama Njyanama yagejejweho raporo ya Komisiyo y'iterambere ry'imibereho myiza y'Abaturage, yibanze cyane ku mitegurire yo kwibuka ku nshuro ya makumyabiri Jenoside yakorewe abatutsi, n'icyumweru cy'icyunamo, maze yishimira uburyo abaturage bakiriye Urumuri rutazima mu Karere n'ukuntu baruherkeje bakarushyikiriza Akarere ka Kayonza, n'uburyo igikorwa cyo kwibuka ku nshuro ya 20 jenoside yakorewe abatutsi muri 1994 cyagenze mu Karere;

Inama Njyanama yagejejweho kandi raporo y'inama y'uburezi yateranye kuwa 16/04/2014 maze ifata umwanzuro ukurikira:

**4.10** Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi gukomeza gukurikirana uko imyanzuro yafashwe mu nama y'uburezi yateranye tariki ya 09/12/2013 ishyirwa mu bikorwa, no gushyira mu bikorwa imyanzuro y'inama y'uburezi yateranye tariki ya 06/02/2014;

## RAPORO YA KOMISIYO Y'IMARI N'ITERAMBERE RY'UBUKUNGU

Inama Njyanama yagejejweho raporo ya Komisiyo y'imari n'iterambere ry'ubukungu, maze imaze kuyisesengura yemeza imyanzuro ikurikira:

**4.11** Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere gukurikirana imikorere ya Servisi y'igenamigambi mu Karere kubera ko igaragaza intege nke, bigatuma igenamigambi ry'Akarere ridindira;

**4.12** Inama Njyanama yasabye Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere, nk'ushinzwe imicungire y'ingengo y'imari y'Akarere, gukurikirana imikorere y'Akanama gashinzwe gutanga amasoko hagamijwe gukumira itangwa ry'amasoko arenze kure ingengo y'imari iba yatowe n'Inama Njyanama kandi akagenzura imikorere y'abakagize, abadakora neza inshingano zabo bagasimburwa hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko agenga imikorere yako;

**4.13** Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi gukora isesengura ryimbitse ry'ukuntu amasoko atangwa mu Karere, hagamijwe kureba impamvu amasoko yo kubaka, cyane cyane imihanda, ahabwa umuntu umwe mu Karere hose, kandi uwakoze inyigo akaba ariwe utsindira n'isoko ryo kugenzura uko imirimo ikorwa;

**4.14** Inama Njyanama yasabye Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere gukurikirana uko amasoko atangazwa, itangazo rikajya risohoka n'igitabo gikubiyemo uko isoko rizakorwa(DAO) cyabonetse, mu rwego rwo guha abashaka gupiganirwa amasoko amahirwe angana yo gutegura dosiye zabo, kuko hari igihe DAO ziboneka hasigaye iminsi mike ngo itariki yo gufungura za "*offres*" igere, kandi abakozi bazakomeza kugira uruhare mu gukerereza DAO bakabihanirwa;

**4.15** Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi gukurikirana niba isuku nke igaragara mu Mirenge iterwa koko n'uko ba Rwiyemezamirimo batsindiye isoko ryo gukora isuku mu Mirenge badahembwa, cyangwa niba ari imikorere mibi yabo, no kugenzura niba amafaranga y'isuku agenerwa Imirenge akoreshwa ibyo yagenewe cyangwa niba akoreshwa ibindi, bikaba nabyo byaba intandaro y'isuku nke mu Mirenge;

**4.16** Inama Njyanama yasabye Umunyamabanga Nshingwakokorwa kugenzura niba system ya Easy to use ikemura koko ibibazo

by'icungamutungo mu Mirenge cyangwa niba ifite ibibazo byatuma ituzuza ibiyitezweho.

## 5. GUSUZUMA RAPORO ZA KOMISIYO ADHOC

### KOMISIYO YASHYIRIWEHO IKIBAZO CY'AMAZI

Inama Njyanama yagejejweho raporo ya Komisiyo adhoc yashyiriweho gukurikirana ikibazo cy'amazi mu Karere, iyo raporo ikaba igaragaza ibibazo biri mu micungire y'amazi bishingiye ku buyobozi bw'Imirenge, ba Kanyamigezi, abafatabuguzi n'abacunga amavomo rusange;
Inama Njyanama imaze kuyunguranaho ibitekerezo yafashe imyanzuro ikurikira:

**5.1** Inama Njyanama yemeje ko ibitansi bifite ubuziranenge aribyo bizakomeza gukoreshwa ku mavomo acungwa n'Imirenge, isaba Komite Nyobozi gukomeza gukurikirana ko ibyo bitansi aribyo bikoreshwa kandi abashinzwe kwakira imisoro n'amahoro mu Mirenge bagakomeza gukusanya amafaranga akomoka ku mazi kugeza igihe hazafatirwa undi mwanzuro unyuranye n'uwafashwe ku micungire y'amazi;

**5.2** Inama Njyanama yemeje ko umufatabuguzi ugaragarijwe amazi yakoresheje(Consommation muri $m^3$), n'amafaranga agomba kwishyura azajya ahita ajya kwishyura kuri konti y'amazi iri muri SACCO z'Imirenge, mu rwego rwo gukomeza gushyira mu ibikorwa system ya zero Cash mu Nzego z'ibanze, ibitansi bigakoreshwa aho byananiranye;

**5.3** Inama Njyanama yemeje ko umufatabuguzi wagaragaweho ko yakoze fraude y'amazi, azacibwa ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi mirongo itanu (50,000 Frw) iyo ari ubwa mbere, yasubira agafungirwa amazi mu gihe cy'amezi atandatu kandi agacibwa ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi mirongo itanu (50,000 Frw);

**5.4** Inama Njyanama yemeje ko uvomesha wagaragaweho ko yakoze fraude y'amazi yamburwa ivomo burundu kandi agacibwa ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi mirongo itanu (50,000 Frw);

**5.5** Inama Njyanama yemeje ko Akarere kagirana amasezerano na ba Kanyamigezi, kugirango buri ruhande rumenye inshingano zarwo mu micungire y'amazi, mu gihe imicungire y'amazi ikiri mu maboko y'Akarere;

**5.6** Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi kwongera gusaba Ubuyobozi bw'Umurenge wa Muhura kugaragaza amasezerano bwagiranye n'uwari wahawe gucunga amazi muri uwo Murenge, no guhagarika ukutishyura amazi k'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge kimwe n'isonera ku kwishyura amazi Umurenge wahaye Lycée de Muhura;

**5.7** Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi, yifashishije Internal Auditor w'Akarere cyangwa ubundi buryo bushoboka kandi bwihuse, gukurikirana amafaranga ibihumbi magana abiri na mirongo itatu na bibiri n'ijana (232,100 Frw) yashyizwe kuri konti numero 3482 (yitwa AMAZI NKURUNZIZA) iri muri SACCO ya Kageyo na Koperative COCAHU, akabikuzwa na Nkurunziza Peter (52,100 Frw kuwa 21/02/2013, na 180,000 Frw kuwa 11/07/2013); raporo ikagezwa ku Nama Njyanama bitarenze kuwa mbere tariki ya 12 Gicurasi 2014;

**5.8** Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi guhagarika amasezerano yo kwishyuza amafaranga y'amazi Umurenge wa Gatsibo wagiranye n'Ikigo Nderabuzima cya Gatsibo ku muyoboro cyasanishije kikegurirwa ububasha bwo gucunga no kwishyuza amavomero awuriho;

**5.9** Inama Njyanama yemeje ko abacunga amavomo rusange bazajya bishyura Akarere amafaranga magana abiri na mirongo itanu (250 Frw) kuri metero cube ($m^3$) bakishyuza abavoma amafaranga icumi (10Frw) ku ijerikani imwe, naho abafatabuguzi bafite amazi mu ngo zabo bakishyuzwa amafaranga magana atatu (300 Frw) kuri metero cube ($m^3$).

**KOMISIYO ADHOC YASHYIRIWEHO GUSUZUMA UBUJURIRE BW'ABAKOZI**

Inama Njyanama yagejejweho raporo ya Komisiyo adhoc yashyiriweho gukurikirana ubujurire bw'abakozi Bagire Emmanuel, wari umuyobozi w'imari mu Karere, na Ntabara Juvénal, wari Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari ka Bukomane mu Murenge wa Gitoki, aba

bombi bakaba barajuririye amanota bahawe mw'isuzumabushobozi bikabaviramo gusezererwa nta mpaka, ariko icyo cyemezo kikavanwaho mu rwego bw'ubujurure n'Inama Njyanama, ikaba yarabahagaritse by'agateganyo kubera inyungu z'akazi, mu gihe hakorwa isuzumabushobozi mu rwego rw'ubujurire;

Inama Njyanama imaze kugezwaho raporo irambuye, ishingiye ku ngingo ya 105 y'Itegeko N° 86/2013 ryo kuwa 11/09/2013 rishyiraho sitati rusange igenga abakozi ba Leta yafashe imyanzuro ikurikira:

**5.10** Inama Njyanama imaze kubona ko Komisiyo adhoc yahaye Bwana Bagire Emmanuel amanota ku musaruro angana na 36.75 kuri 70 na 15.6 kuri 30 ku myitwarire, yose hamwe akaba 52.35 ku ijana, yemeje ko Komite Nyobozi yandikira Komisiyo ishinzwe abakozi ba Leta isaba ko Bwana Bagire Emmanuel asezererwa nta mpaka mu bakozi b'Akarere ka Gatsibo kubera ko atagejeje ku manota 60% nk'uko biteganywa mu Iteka rya Minisitiri w'Intebe N° 121/03 ryo kuwa 08/09/2010 rishyiraho uburyo bukoreshwa mu isuzumabushobozi n'izamurwa mu ntera ry'abakozi ba Leta;

**5.11** Inama Njyanama imaze kubona ko Komisiyo adhoc yahaye Bwana Ntabara Juvénal amanota ku musaruro angana na 41.4 kuri 70 na 8.4 kuri 30 ku myitwarire, yose hamwe akangana na 49.8 ku ijana, yemeje ko Komite Nyobozi yandikira Komisiyo ishinzwe abakozi ba Leta isaba ko Bwana Ntabara Juvénal asezererwa nta mpaka mu bakozi b'Akarere ka Gatsibo kubera ko atagejeje ku manota 60% nk'uko biteganywa mu Iteka rya Minisitiri w'Intebe N° 121/03 ryo kuwa 08/09/2010 rishyiraho uburyo bukoreshwa mu isuzumabushobozi n'izamurwa mu ntera ry'abakozi ba Leta;

**5.12** Inama Njyanama imaze kubona ko Bwana Bagire Emmanuel na Bwana Ntabara Juvénal bahagaritswe by'agateganyo kubera inyungu z'Akazi igihe bakorerwaga isuzumabushobozi mu rwego rw'ubujurire kandi ubujurire bukaba bwarasuzumye gusa isuzumabushobozi, aho kuba amakosa y'akazi nk'uko biteganywa mu ngingo ya 41 igika cya 2 y'Itegeko N° 86/2013 ryo kuwa 11/09/2013 rishyiraho sitati rusange igenga abakozi ba Leta, yemeje ko Bwana Bagire Emmanuel na Bwana Ntabara Juvénal

bahabwa umushahara wabo wose ubarwa kugeza igihe icyemezo cyo kubasezerera nta mpaka gitangira gushyirwa mu bikorwa;

**5.13** Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere gutegura amahugurwa y'abakozi bose bagira uruhare mu isuzumabushobozi ry'abakozi ku bijyanye n'uko isuzumabushobozi ry'abakozi rikorwa;

**5.14** Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere kugarura umwuka mwiza mu bakozi hakoreshwa inama aho gukoreshwa inyandiko nyinshi zungikanyije, no kugisha inama umujyanama mu mategeko mbere y'uko hagira icyemezo icyo ari cyo cyose gifatirwa umukozi;

**5.15** Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere kujya bakora isuzumabushobozi ry'abakozi ku gihe nyacyo nk'uko giteganyijwe mu Iteka rya Minisitiri w'Intebe N° 121/03 ryo kuwa 08/09/2010 rishyiraho uburyo bukoreshwa mu isuzumabushobozi n'izamurwa mu ntera ry'abakozi ba Leta kandi buri mukozi ahibereye, bagatanga amanota ku buryo bugaragarira umukozi kandi akagenerwa kopi y'isuzumabushobozi ryamukorewe;

**5.16** Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere kujya basubiza amabaruwa baba bandikiwe n'umukozi igihe asaba kurenganurwa kandi igisubizo kigatangwa mu gihe cyagenwe n'amategeko, kandi raporo zose zirebana n'ibibazo by'abakozi zikajya zitangirwa igihe.

## 6. GUSUZUMA RAPORO YA AUDIT COMMITTEE

Inama Njyanama imaze kugezwaho raporo igaragaza uburyo Audit Committee yasesenguye raporo z'ubugenzuzi bwite bw'Akarere, yishimiye akazi kakozwe, ariko isanga nta myanzuro igaragara kandi ihuye n'uburemere bw'ibivugwa muri raporo Audit Committee yagejeje ku Nama Njyanama, yemeza ko Biro y'Inama Njyanama na Audit Committee bazasesengura raporo bakageza ku Nama Njyanama imyanzuro ihuye n'ibivugwa muri raporo ya Audit Committee.

## 7. GUSUZUMA ISHYIRWA MU BIKORWA RY'IMIHIGO 2013/2014

Inama Njyanama imaze kugezwaho raporo ya Komite Nyobozi igaragaza uko imihigo y'Akarere ishyirwa mu bikorwa, yasanze hari myinshi ikiri mu mutuku n'umuhondo, isaba Komite Nyobozi gufatanya n'izindi nzego hagashyirwamo imbaraga nyinshi mu gihe gito gisigaye ngo umwaka w'ingengo y'imari urangire, kandi ku mihigo isaba mobilisation y'abaturage, buri Mujyanama yiyemeza kubigiramo uruhare mu Murenge ahagarariye.

## 8. AOB (DIVERS)

**8.1** Inama Njyanama yemeje ko tariki ya 23/05/2014 abagize Komite Nyobozi bazageza ku Nama Njyanama raporo y'uko bashyira mu bikorwa inshingano zabo nk'uko biteganywa n'Itegeko N° 87/2013 ryo ku wa 11 Nzeri 2013 rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage;

**8.2** Inama Njyanama yemeje ko urwego rwa DASSO mu Karere rugizwe n'abakozi 110 mu ntangiriro bagabanyije ku buryo bukurikira:

- Ku rwego rw'Akarere:12;
- Ku rwego rw'Imirenge: 98, ni ukuvuga 7 muri buri Murenge;

**8.3** Umuyobozi w'Akarere, Umujyanama Ruboneza Ambroise, yagejeje ku Nama Njyanama uko umutekano uhagaze mu Karere n'ingamba zafashwe zo gukomeza kuwubumbatira;

**8.4** Umuyobozi w'Inama Njyanama yamenyesheje Inama Njyanama ko tariki ya 7/05/2014 hari inama ya RGB ku Karere mu rwego rwo kugaragaza uko abaturage babona servisi bahabwa, naho tariki ya 16/05/2014, Minisiteri y'Imari n'igenamigambi ikaba izakoresha amahugurwa y'abajyanama ku bijyanye no gutegura no gutora ingengo y'imari y'Akarere, asaba buri mujyanama kuzitabira ibyo bikorwa byombi.

Inama Njyanama yasoje imirimo yayo saa kumi n'igice.

| | |
|---|---|
| **Umwanditsi w'inama** | **Umuyobozi w'inama** |
| ……………………………… | ……………………………… |
| **YANKURIJE Marie Goretti** | **Innocent MUNYANEZA** |
| **Umunyamabanga w'Inama Njyanama** | **Umuyobozi w'Inama Njyanama** |